

ITEKA RYA MINISITIRI N°002/MoH/2019 RYO KU WA 08/04/2019 RIGENA IBIGOMBA KUBAHIRIZWA KUGIRA NGO MUGANGA AKURIREMO UMUNTU INDA

MINISTERIAL ORDER N°002/MoH/2019 OF 08/04/2019 DETERMINING CONDITIONS TO BE SATISFIED FOR A MEDICAL DOCTOR TO PERFORM AN ABORTION

ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°002/MoH/2019 DU 08/04/2019 DÉTERMINANT LES CONDITIONS DEVANT ÊTRE REMPLIES POUR QU'UN MÉDECIN PRATIQUE L'AVORTEMENT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2: Définitions

Ingingo ya 3: Impamvu zemewe mu gukuramo inda

Article 3: Allowed grounds for abortion

Article 3: Motifs permis pour l'avortement

Ingingo ya 4: Igihe ntarengwa cyo gukuramo inda

Article 4: Pregnancy age for termination

Article 4: Délai d'interruption d'une grossesse

Ingingo ya 5: Ikigo cy'ubuvuzi cyemerewe gutanga serivisi yo gukuriramo umuntu inda

Article 5: Eligible health facility to perform abortion

Article 5: Établissement de santé éligible pour pratiquer l'avortement

Ingingo ya 6: Uko umwana asabirwa gukurirwamo inda

Article 6: Procedure by which an application for a child to abort is made

Article 6: Procédure par laquelle se fait la demande d'avortement d'un enfant

Ingingo ya 7: Ibigomba gukorwa mbere y'uko muganga akuriramo umuntu inda

Article 7: Pre-procedure for abortion care

Article 7: Procédure préalable aux soins de l'avortement

Ingingo ya 8: Kugaragaza mu nyandiko ko umuntu yemeye gukurirwamo inda

Article 8: Giving a written consent to receive abortion services

Article 8: Expression d'un consentement écrit à recevoir les services d'avortement

Ingingo ya 9: Guhabwa serivisi yo gukurirwamo inda

Article 9: Access to abortion services

Article 9: Accès aux services d'avortement

Ingingo ya 10: Kugirirwa ibanga

Article 10: Confidentiality

Article 10: Confidentialité

Ingingo ya 11: Gukurirwamo inda ku mpamvu zuko ibangamiye ubuzima bw'utwite cyangwa ubw'umwana atwite

Article 11: Termination of pregnancy due to the risk on the health of the pregnant person or of the foetus

Article 11: Interruption de grossesse lorsqu'elle met en danger la santé de la personne enceinte ou celle du foetus

Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 12: Repealing provision

Article 12: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 13: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Article 13: Commencement

Article 13: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°002/MoH/2019 RYO KU WA 08/04/2019 RIGENA IBIGOMBA KUBAHIRIZWA KUGIRA NGO MUGANGA AKURIREMO UMUNTU INDA

Minisitiri w'Ubuzima,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryahinduwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ritaganyanya ibyaha n'ibihano muri rusange, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 125;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 03/04/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena ibigomba kubahirizwa kugira ngo umuganga akuriremo umuntu inda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **gukuramo inda:** kuvanamo inda ku

MINISTERIAL ORDER N°002/MoH/2019 OF 08/04/2019 DETERMINING CONDITIONS TO BE SATISFIED FOR A MEDICAL DOCTOR TO PERFORM AN ABORTION

The Minister of Health,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 120, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general, especially in Article 125;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 03/04/2019;

ORDERS:

Article One: Purpose of this Order

This Order determines conditions to be satisfied for a medical doctor to perform an abortion.

Article 2: Definitions

For the purpose of this Order, the following terms are defined as follows:

1° **abortion:** induced termination of

ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°002/MoH/2019 DU 08/04/2019 DÉTERMINANT LES CONDITIONS DEVANT ÊTRE REMPLIES POUR QU'UN MÉDECIN PRATIQUE L'AVORTEMENT

Le Ministre de la Santé,

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 120, 122 et 176;

Vu la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général, spécialement en son article 125;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 03/04/2019;

ARRÊTE:

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les conditions devant être remplies pour qu'un médecin pratique l'avortement.

Article 2: Définitions

Aux fins du présent arrêté, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

1° **avortement:** interruption de la

bushake mu bihe biteganyijwe n'amategeko;	pregnancy under circumstances determined by the law;	grossesse provoquée dans des circonstances déterminées par la loi;
2° ubuzima: imimerere myiza ku mubiri, mu mutwe no mu mibereho myiza, bitavuze ko nta ndwara cyangwa ubumuga umuntu afite;	2° health: a state of complete physical, mental and social well-being and not merely the absence of disease or infirmity;	2° santé: état complet de bien-être physique, mental et social, et ne consiste pas seulement en une absence de maladie ou d'infirmité;
3° umuganga wemewe na Leta: umuntu ufite ubumenyi mu buvuzi bw'abantu, ufite nibura impamyabushobozi y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza mu ishami ry'Ubuvuzi kandi wemewe n'urwego rushinzwe kugenzura imirimo y'ubuvuzi mu Rwanda, ukorera mu kigo cy'ubuvuzi cya Leta cyangwa cyigenga.	3° recognised medical doctor: a person qualified to practice the medical profession after obtaining at least a Bachelor's Degree in Medicine, registered and licensed by a health profession regulatory body in Rwanda and working in public or private health facility.	3° médecin agréé: une personne habilitée à exercer la médecine après l'obtention d'un diplôme sanctionnant le deuxième cycle d'enseignement supérieur en médecine, enregistrée et autorisée par un organe de réglementation des professions de la santé au Rwanda et travaillant dans un établissement de santé public ou privé.

Ingingo ya 3: Impamvu zemewe mu gukuramo inda

Article 3: Allowed grounds for abortion

Article 3: Motifs permis pour l'avortement

Ugukuramo inda bikorwa ku mpamvu zikurikira:

Abortion is performed on the following grounds:

L'avortement est pratiqué pour des motifs suivants:

1° kuba umuntu utwite ari umwana;	1° the pregnant person is a child;	1° la personne enceinte est un enfant;
2° kuba usaba gukurirwamo inda yarakoreshejwe imibonano mpuzabitsina ku gahato;	2° the person requesting for abortion became pregnant as a result of rape;	2° la personne qui demande l'avortement est tombée enceinte à la suite d'un viol;
3° kuba usaba gukurirwamo inda yarayitwaye nyuma yo kubanishwa ku gahato n'undi nk'umugore n'umugabo;	3° the person requesting for abortion became pregnant after being subjected to a forced marriage;	3° la personne qui demande l'avortement est tombée enceinte à la suite d'un mariage forcé;

4° kuba usaba gukurirwamo inda yarayitewe n'uwu bafitanye isano ya hafi kugera ku gisanira cya kabiri;

4° the person requesting for abortion became pregnant as a result of incest committed with a person to the second degree of kinship;

4° la personne qui demande l'avortement est tombée enceinte à la suite d'un inceste commis avec une personne ayant un lien de parenté jusqu'au second degré;

5° kuba inda ibangamiye ubuzima bw'utwite cyangwa ubw'umwana atwite.

5° the pregnancy puts at risk the health of the pregnant person or of the foetus.

5° la grossesse met en danger la santé de la personne enceinte ou celle du foetus.

Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 11 y'iri teka, usaba gukurirwamo inda ntasabwa gutanga ibimenyetso by'impamvu ashingiraho.

Without prejudice to the provisions of Article 11 of this Order, the person requesting for abortion is not required to produce evidence of the grounds she invokes.

Sans préjudice des dispositions de l'article 11 du présent arrêté, la personne qui demande l'avortement n'est pas tenu de produire les preuves des circonstances qu'elle invoque.

Iyo nyuma yo gukurirwamo inda bigaragaye ko uwayikuriwemo yatanze amakuru atariyo, yirengera ingaruka zabyo hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

If, after abortion, it is proved that the person on whom abortion was performed provided false information, she is liable in accordance with the law.

Lorsqu'après l'avortement, il est constaté que la personne sur laquelle a été pratiqué l'avortement a donné de fausses informations, elle en est responsable conformément à la loi.

Ingingo ya 4: Igihe ntarengwa cyo gukuramo inda

Article 4: Pregnancy age for termination

Article 4: Délai d'interruption d'une grossesse

Uretse mu gihe inda ibangamiye ubuzima bw'utwite cyangwa ubw'umwana atwite, inda ikurwamo igomba kuba itarengeje ibyumweru makumyabiri na bibiri (22).

Except in case the pregnancy puts at risks the health of the pregnant person or the foetus, the abortion cannot be performed if the gestation is beyond twenty - two (22) weeks.

Sauf dans le cas où la grossesse met en danger la santé de la personne enceinte ou celle du foetus, l'avortement ne peut pas être pratiqué au-delà de vingt- deux (22) semaines de gestation.

Ingingo ya 5: Ikigo cy'ubuvuzi cyemerewe gutanga serivisi yo gukuriramo umuntu inda

Gukuriramo umuntu inda bikorerwa mu kigo cy'ubuvuzi cya Leta cyangwa icyigenga kiri ku rwego rw'ibitaro cyangwa urwa polikilinke, cyemerewe gukora na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Ingingo ya 6: Uko umwana asabirwa gukurirwamo inda

Iyo ushaka gukurirwamo inda ari umwana, abisabirwa n'abamuhagarariye bemewe n'amategeko nyuma yo kubyumvikanaho.

Iyo abamuhagarariye bemewe n'amategeko batumvikanye hagati yabo cyangwa batumvikanye n'umwana, icyifuzo cy'umwana nicyo kitabwaho.

Ingingo ya 7: Ibigomba gukorwa mbere y'uko muganga akuriramo umuntu inda

Mbere y'uko muganga akuriramo umuntu inda agomba:

- 1° gutanga ubujyanama bwimbitse ku buzima;
- 2° gukora isuzuma rusange.

Article 5: Eligible health facility to perform abortion

Abortion is performed in a public or private health facility licensed as a hospital or a polyclinic by the Minister in charge of health.

Article 6: Procedure by which an application for a child to abort is made

If a person who wishes to abort is a child, the application to do so is made by her legal representatives after agreeing upon it.

If her legal representatives disagree among themselves or if they disagree with the child, the wish of the child prevails.

Article 7: Pre-procedure for abortion care

Before performing abortion, the medical doctor must:

- 1° conduct comprehensive pre-abortion counselling;
- 2° conduct thorough clinical assessment.

Article 5: Établissement de santé éligible pour pratiquer l'avortement

L'avortement est pratiqué dans un établissement de santé public ou privé que le Ministre ayant la santé dans ses attributions a autorisé de fonctionner comme hôpital ou de polyclinique.

Article 6: Procédure par laquelle se fait la demande d'avortement d'un enfant

Lorsque la personne qui souhaite avorter est un enfant, la demande de le faire est faite par ses représentants légaux après s'être mis d'accord.

Lorsque ses représentants légaux ne s'entendent pas entre eux ou ne s'entendent pas avec l'enfant, le souhait de l'enfant prime.

Article 7: Procédure préalable aux soins de l'avortement

Avant de pratiquer un avortement, le médecin doit:

- 1° donner des conseils complets avant l'avortement;
- 2° procéder à une évaluation clinique approfondie.

Ingingo ya 8: Kugaragaza mu nyandiko ko umuntu yemeye gukurirwamo inda

Umuntu usaba gukurirwamo inda agomba kugaragaza mu nyandiko ko yemeye ko bayikuramo amaze gusobanurirwa ibyerekeranye no gukuramo inda byose.

Iyo umuntu usaba gukurirwamo inda ari umwana cyangwa umuntu ufite ubumuga bwo mu mutwe, umuhagarariye wemewe n'amategeko niwe ugaragaza mu nyandiko ko yemeye ko bayikuramo. Iyo umuhagarariye wemewe n'amategeko abyanze, ukwemera k'umwana niko kugenderwaho.

Ingingo ya 9: Guhabwa serivisi yo gukurirwamo inda

Umuntu wifuza kubona serivisi yo gukurirwamo inda afite uburenganzira bwo kugana ikigo cy'ubuvuzi cyabihereye uburenganzira yihitiyemo no guhabwa serivisi akeneye atabanje kubazwa urupapuro ruhamwohereza.

Ingingo ya 10: Kugirirwa ibanga

Umuganga n'ikigo cy'ubuvuzi bakiriye umuntu usaba gukurirwamo inda bagomba kwita ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bwo kugirirwa ibanga.

Article 8: Giving a written consent to receive abortion services

A person requesting for abortion must give her written consent to receive abortion services after comprehensive explanations on abortion.

If the person requesting for abortion services is a child or a person with mental disability, her legal representative gives the written consent for abortion. If her legal representative refuses to give consent, the consent of the child is considered.

Article 9: Access to abortion services

A person who wishes to get abortion services has the right to access an accredited health facility of her choice and to receive the services without necessarily presenting the medical transfer.

Article 10: Confidentiality

The medical doctor and the health facility that received the person requesting for abortion services must ensure the respect of the right to confidentiality.

Article 8: Expression d'un consentement écrit à recevoir les services d'avortement

Une personne qui demande l'avortement doit donner son consentement écrit à recevoir ce service après des explications complètes sur l'avortement.

Lorsque la personne qui demande l'avortement est un enfant ou une personne ayant une déficience mentale, son représentant légal donne le consentement écrit à l'avortement. Lorsque son représentant légal refuse de donner le consentement, le consentement de l'enfant est considéré.

Article 9: Accès au service d'avortement

Une personne qui souhaite obtenir des services d'avortement a le droit d'accéder un établissement de santé accrédité de son choix et de recevoir ce service sans nécessairement présenter le transfert médical.

Article 10: Confidentialité

Le médecin et l'établissement de santé ayant accueilli la personne qui demande l'avortement doivent assurer le respect du droit à la confidentialité.

Ingingo ya 11: Gukurirwamo inda ku mpamvu zuko ibangamiye ubuzima bw'utwite cyangwa ubw'umwana atwite

Gukuriramo umuntu inda ku mpamvu zuko ibangamiye ubuzima bw'utwite cyangwa ubw'umwana atwite bikorwa hubahirijwe ibi bikurikira:

- 1° kwemeza imiterere y'ikibangamiye ubuzima bw'utwite cyangwa ubw'umwana atwite, bikoze nibura n'abaganga babiri (2), umwe muri bo ari inzobere mu byerekeye kubyaza no kuvura indwara zifata imyanya y'imyororokere;
- 2° kugaragaza ukwiyemerera mu nyandiko k'utwite cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko iyo utwite ari umwana cyangwa umuntu ufite ubumuga bwo mu mutwe;
- 3° gukora raporo ikorwamo kopi ebyiri (2) zigashyirwaho umukono na muganga wemewe na Leta n' utwite cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko iyo utwite ari umwana cyangwa umuntu ufite ubumuga bwo mu mutwe, kopi imwe igahabwa utwite cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko indi ikabikwa n'ikigo cy'ubuvuzi.

Article 11: Termination of pregnancy due to the risk on the health of the pregnant person or of the foetus

Termination of pregnancy due to the risk on the health of the pregnant person or of the foetus is done under the following conditions:

- 1° confirmation of the risk on the health of the pregnant person or of the foetus, done by at least two (2) medical doctors, one being a specialist in the area of obstetrics and gynaecology;
- 2° a personal written consent of the pregnant person or of her legal representative if the person seeking for abortion is a child or a person with mental disability;
- 3° a written report in two (2) copies signed by the recognised medical doctor and the pregnant person or her legal representative if the pregnant person is a child or a person with mental disability, one copy is given to the pregnant person or her legal representative and another is kept by the health facility.

Article 11: Interruption de grossesse lorsqu'elle met en danger la santé de la personne enceinte ou celle du foetus

L'interruption de grossesse lorsqu'elle met en danger la santé de la personne enceinte ou celle du foetus est effectuée dans les conditions suivantes:

- 1° confirmation du danger à la santé de la personne enceinte ou celle du foetus, faite par au moins deux (2) médecins, dont un spécialiste du domaine de l'obstétrique et de la gynécologie;
- 2° le consentement personnel écrit de la personne enceinte ou de son représentant légal si la personne enceinte est un enfant ou une personne ayant une déficience mentale;
- 3° établir un rapport écrit en deux (2) copies signées par le médecin agréé et de la personne enceinte ou son représentant légal si la personne enceinte est un enfant ou une personne ayant une déficience mentale, dont une copie est remise à la personne enceinte ou son représentant légal et une autre est conservée par l'établissement de santé.

Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Inzingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 13: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **08/04/2019**

(sé)
Dr. GASHUMBA Diane
Minisitiri w'Ubuzima

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 12: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 13: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **08/04/2019**

(sé)
Dr. GASHUMBA Diane
Minister of Health

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 12: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 13: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **08/04/2019**

(sé)
Dr. GASHUMBA Diane
Ministre de la Santé

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux